# Ingwate

Hashingiwe kuri **ACCESS BANK (RWANDA) PLC**, Ikigo cy'Ubucuruzi Gifite Uburyozwe Buhinnye, kode y'Ikigo: 100053886, gifite imari shingiro MILIYARI CUMI N'ESHANU Z'AMAFARANGA Y'U RWANDA (RWF 15,000,000,000) cyatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda N° 21 yo ku ya 1 Ugushyingo 1999, N° 12 bis yo ku wa 15 Kamena 2006, N° 09 bis yo ku wa 1 Gicurasi 2008 na N° 20 yo ku wa 15 Ukwakira 2008, Agasanduku k'Amabaruwa: 2059- Kigali-Rwanda (cyitwa "BANKI" muri aya masezerano) iha ibigo by'amabanki nk'iki uburenganzira burimo ubwo gukora, cyangwa gukomeza avansi ku ngunzanyo z'ingoboka n'izindi nyandiko mpeshabwishyu z'inguzanyo zifite agaciro mu mafaranga cyangwa inyandiko z'agaciro zishobora gucuruzwa kugira ngo habeho gutanga igihe, inguzanyo cyangwa inguzanyo ugurizwa adategekwa kwishyura ahubwo zikaba zishobora kwishyurwa n'abandi bantu, itanga indishyi ku ngwate hamwe n'ibikorwa n'ubucuruzi bukorwa mu mafaranga y'amahanga na/cyangwa serivisi z'inguzanyo mu buryo ubwo ari bwo bwose igihe cyose kandi ku rugero Banki ishobora gutekereza ko bikwiriye kuri kandi ku bwa konti za **Bwana/Madamu……….** (hano muri aya masezerano witwa "umuyobozi")

NJYEWE, WASHYIZE UMUKONO HASI, **Bwana/Madamu……………..** ufite **Pasiporo/Indangamuntu** N° **……..** (muri aya masezerano witwa "Umwishingizi (Abishingizi) NISHINGIYE kwishyura Banki igihe izabinsaba ubwishyu (nkuriweho imisoro iyo ari yo yose muri iki gihe cyangwa izashyirwaho hanyuma hakurikijwe amategeko y'igihugu icyo ari cyo cyose bigabanya umubare w'amafaranga yishyurwa cyangwa akumira cyangwa atinza ikoreshwa ridakumirwa rya Banki cyangwa kwikuraho umutungo mu kwishyura Banki bikozwe muri iki gihe cyangwa se hanyuma uko Banki izabigena) ku mafaranga yose n'imyenda yaba yizewe cyangwa ashingiwe ku bwishyu bw'undi muntu muri iki gihe cyangwa uzabamo umwenda cyangwa Banki iberewemo n'Umuyobozi kandi atarishyurwa kuri konti iyo ari yo yose iriho cyangwa indi mu buryo ubwo ari bwo bwose n'aho ari ho hose bwaba buturutse cyangwa butanzwe n'Umuyobozi nk'ingwate cyangwa kandi yaba yishyuye wenyine cyangwa afatanije n'abandi bantu ikindi kigo cyangwa umuntu wo mu bantu b'ibigo cyangwa buturutse cyangwa bukozwe n'ikigo icyo ari cyo cyose Umuyobozi ashobora kuba abereye umufatanyabikorwa mu izina iryo ryose yaba yitwa cyangwa uburyo ubwo ari bwo bwose burimo:

(a) mu gihe habayeho urupfu, igihombo, cyangwa kwegeranya no kugabagabanya umutungo wose w'umuyobozi igihe cyose Umuyobozi ashobora kuba yari abereyemo Banki igihe bene urwo rupfu rwari rwabayeho cyangwa bene icyo gihombo cyangwa iyegeranya n'igabagabana ry'umutungo byari byaratangiye mu gihe Banki yabonaga imenyesha nyirizina ryabyo kandi nubwo urwo rupfu, igihombo cyangwa iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo byaba byabayeho.

(b) Mu gihe amafaranga yose y'ikigo gifite uburyozwe buhinnye cyangwa ikindi kigo atishyuwe hubahirizwa umugabane nguzanyo uri ku isoko ry'imari y'imwe ufitwe cyangwa ubitswe mu izina rya Banki.

(c) amafaranga yose akomoka, cyangwa imyenda ifitiwe Banki nubwo kuguza cyangwa kwishyura bene iyo myenda yata agaciro cyangwa ikaba irenze ububasha

bw'umuyobozi, umunyamategeko, intumwa cyangwa undi muntu wese wiyemeza kuguza cyangwa gukora mu mwanya w'umuyobozi kandi nubwo habaho imbogamizi muri uko kuguza cyangwa kwishyuzwa bene iyo myenda.

(d) mu gihe habayeho guhagarika mu buryo bwose zose z'amasheki, impapuro n'inyandiko mvunjwafaranga n'inyandiko z'agaciro z'iyi ngwate zishobora gucuruzwa zikuwe cyangwa zishyizwe kuri konti y'Umuyobozi kuri Banki cyangwa intumwa zayo kandi zemezwa gushyirwa mbere cyangwa ku itariki Banki cyangwa intumwa zimenyeyeho uku guhagarika ingwate nubwo byaba byeretswe cyangwa byishyuriwe Banki cyangwa bo nyuma y'iyo tariki n'imyenda yose y'Umuyobozi kuri Banki ya bene iyo tariki yaba yizewe cyangwa ishingiwe ku bwishyu bw'undi kandi yahita yishyurwa ako kanya cyangwa mu gihe cyangwa ibihe runaka bizaza ndetse n'inguzanyo zose Umuyobozi yashyiriweho na Banki.

e) Inyungu kuri bene ayo madeni n'imyenda yose kugeza ku itariki yo kwishyura, igihembo, ayo banki ikata, akoreshwa mu nzira z'amategeko n'ibindi, acibwa n'akoreshwa Banki ishobora guca umuyobozi hamwe n'akoreshwa yose mu gushyira mu bikorwa cyangwa kubona cyangwa kugerageza gushyira mu bikorwa cyangwa kubona ubwishyu bw'ayo mafaranga cyangwa bene ayo mafaranga ayo ari yo yose nk'uko amaze kuvugwa.

**MU GIHE CYOSE** igiteranyo cyose cy'amafaranga yishyuzwa Umwishingizi cyangwa Abishingizi uvugwa hano kitarenze igiteranyo cya …………..FRW (Umubare mu magambo) ku gipimo cy'inyungu ya ….% hiyongereyeho akoreshwa ku bihembo n'akoreshwa mu mategeko uhereye ku itariki ya bene uko gusabwa cyangwa uko guhagarika ingwate bikozwe n'Uwishingira uwo ari we wese uvugwa aha cyangwa abayobozi babo nshingwabikorwa, cyangwa abababahagarariye mu mategeko kugeza igihe yishyuriye kandi hongeweho ibyakoreshejwe n'ibyatanzwe na Banki mu ishyirwa mu bikorwa ryo kwishyura nk'uko bisabwa Uwishingira (Abishingira) igihe bananiwe kubahiriza inshingano zabo.

2. Umwenda w'Uwishingira (Abishingira) uvugwa muri aya masezerano uzaba uhuriweho kandi ube uwa benshi kandi ubusabe ubwo ari bwo bwose bwo kwishyura buzatangwa na Banki ku wo ari we wese mu Bishingira buzafatwa nk'ubwagejejwe kuri bose.

3. Ubu bwishingire buzaba ingwate ikomeza kurinda Umwishingizi kandi ntizishyuzwa mu buryo budakozwe mu Ibaruwa Yishyuza ishyizweho umukono byemewe itangwa na Banki mu gihe ikimara kwishyurwa byuzuye inguzanyo n'umuyobozi na/cyangwa Umwishingizi.

4. Mu gihe Umuyobozi ari komite cyangwa ishyirahamwe cyangwa ikindi kigo kidafite ubuzima gatozi cyangwa kidafite ubushobozi mu mategeko bwo gusaba ko inshingano cyiyemeje cyangwa giteganya zubahirizwa na cyo cyangwa mu mwanya wacyo, iyi ngwate izagira agaciro kandi ibe itegeko ku Mwishingizi cyangwa Abishingizi nubwo byaba bimeze bityo ndetse nubwo Umwishingizi yaba yari yari we muyobozi urimo ideni cyangwa hari Umwishingizi urenze umwe kimwe n'uko Abishingizi baba bafatanije ari babiri cyangwa bafatanije ideni ari benshi.

4A. Mu gihe byaterwa n'impamvu yo kubura ubushobozi (harimo n'igihe ikigo kigize ibibazo mu bubasha bwacyo cyangwa imbogamizi mu mikorere y'icyavuzwe) cyangwa se mu gihe kubera impamvu iyo ari yo yose, ideni ryishingiwe ritazagaruzwa nk'uko amafaranga fatizo yaryo angana, n'ubundi rizishyuzwa Umwishingizi nk'aho Umwishingizi ari we nyir'ideni mukuru, cyangwa se nk'iyo hari kuba hari abishingizi barenze umwe bava ku wo ari we wese cyangwa bose muri bo nk'aho bagomba kwishyura bafatanya ndetse bagomba kwishyura ari benshi.

5. Mu gihe habayeho gusesa cyangwa kuvugurura ikigo gifite konti yishingiwe ivugwa hano iyi ngwate izakora ku mafaranga yose yagujijwe n'imyenda yishyuzwa mu izina ry'ikigo kugeza igihe Banki yakiriye imenyesha nyirizina ry'uko gusesa cyangwa kuvugurura. Icyakora, mu gihe iri sesa cyangwa ivugurura ribaye kubera impamvu yo kujya mu kiruhuko cy'iza bukuru cyangwa urupfu rw'umufatanyabikorwa cyangwa se kwinjizamo umufatanyabikorwa cyangwa abafatanyabikorwa bandi, iyi ngwate izakomeza kandi n'ubundi yubahirizwe ku mafaranga yose n'imyenda iberewemo Banki cyangwa ikigo gishya gishinzwe nk'aho hatigeze habaho impinduka ku buryo ikigo cyari gisanzwe cyubatse. Mu gihe Umwishingizi cyangwa Umuyobozi ari ikigo, iyi ngwate izakomeza kugira inkurikizi n'agaciro nk'ubugwate bukomeza kabone nubwo haba hayayeho igabanamutungo rihuza umutungo cyangwa kongera kubaka bundi bushya ikigo.

6. Mu gihe habayeho ko kubera impamvu iyo ari yo yose iyi ngwate idakomeza kugira agaciro k'ubugwate bukomeza ku Mwishingizi cyangwa Abishingizi cyangwa ababashyirira mu bikorwa, abayoborera cyangwa ababahagararira mu mategeko, Banki izagira uburenganzira bitagize ingaruka ku burenganzira bwabo buvugwa muri aya masezerano bwo gufunguza konti nshya no gukomeza konti yindi iyo ari yose isanzwe ikora hamwe n'umuyobozi kandi nta mafaranga yishyuwe kuri bene iyo konti bikozwe cyangwa bikorewe Umuyobozi na nyuma yo kubikuzwa hazabaho ikemurwa ry'ikirego gishingiye kuri iyi ngwate bizerekezwa cyangwa ngo bigire ingaruka ku bwishyu bw'igice icyo ari cyo cyose cy'amafaranga Umuyobozi azaba abereyemo mu gihe iyi ngwate itazaba igifite agaciro cyangwa itagifite inyungu niba umuntu cyangwa abantu batazishyura muri bene ayo mafaranga mu gihe cyo kwandikira Banki ako kanya mu buryo budasanzwe kimwe nk'uko bikwiriye.

7. Bitanyuranije n'iyi ngwate kandi itishyuje mu buryo ubwo ari bwo bwose bwagira ingaruka ku ideni ry'Umwishingizi wese uvugwa muri aya masezerano, Banki ishobora buri gihe:

(a) kugena, guhindura cyangwa kongera inguzanyo ku muyobozi,

(b) mu gihe cy'inguzanyo zatanzwe ku bw'impamvu ebyiri cyangwa zirenga z'imiterere itandukanye, guhindura ingano z'inguzanyo zatanzwe cyangwa zigakoreshwa ku mpamvu zitandukanye

(c) guha umuyobozi cyangwa undi muntu wese igihe cyose cyangwa kumwongerera igihe cyo kwishyura ideni,

(d) kuvugurura inyemezabwishyu cyangwa izindi mpapuro z'ubugwate zaba zifite agaciro mvunjwafaranga zishobora gucuruzwa cyangwa bidashoboka,

(e) kuganira ku kwishyurana, kurekura, guhindura cyangwa kwandikisha cyangwa gushyira mu bikorwa ku ngufu ubwishyu bw'ingwate bwose cyangwa ingwate ziriho cyangwa izo mu gihe kizaza cyangwa uburenganzira Banki ishobora kugira ubu cyangwa mu gihe kizaza ku muyobozi cyangwa undi muntu wese.

(f) kwifatanya n'umuyobozi cyangwa undi muntu wese,

(g) kubona abandi bantu binjira mu ngwate hakurikijwe amabwiriza avugwa muri iyi nyandiko.

**8**. Ideni ry'Umwishingizi uvugwa muri iyi nguzanyo ntirizigera rigirwaho ingaruka no kuba Banki inaniwe gufata ingwate iyo ari yo yose cyangwa gutakaza agaciro uko ari ko kose kw'ingwate cyangwa amasezerano yaba asanzwe ariho cyangwa ayo mu gihe kizaza azakorwa na Banki kimwe no ku gusaba avansi izo ari zo zose kwakozwe cyangwa kuzakorerwa umuyobozi cyangwa mu iyi ngwate biramutse bigaragaye ko itagifite agaciro ku Mwishingizi cyangwa Abishingizi bavugwa hano ku mpamvu iyo ari yo yose.

**9**. Nta ngwate cyangwa ubundi bugwate ubwo ari bwo bwose byaba muri iki gihe cyangwa hanyuma bufitwe na Banki, cyangwa ikindi gice icyo ari cyo cyose cy'amafaranga cyangwa imyenda yishingiwe hano cyangwa ikintu cyose gishobora kwitirirwa Banki cyangwa umwenda w'umuntu wese cyangwa abantu bose batari mu mpande zombi zivugwa hano ku bwo cyangwa igice cyose cy'amafaranga cyangwa imyenda yishingirwa hano mu buryo ubwo ari bwose izaterwa igihombo cyangwa ngo igirweho ingaruka n'iyi ngwate.

**10.** Amafaranga yose yakiriwe hano ashobora gushyirwa kandi akabikwa ku nguzanyo yo muri konti y'agateganyo kugeza igihe Banki iboneye ko bikwiriye ko nta yindi nshingano muri icyo gihe kuyikoresha mu buryo busa cyangwa igice icyo ari cyo cyose kivugwa mu kwishyura amafaranga ayo ari yo yose cyangwa imyenda Umuyobozi abereyemo Banki. Nubwo habaho bene ubwo bwishyu, mu gihe habayeho ibikorwa biganisha ku gisa n'ikurikirana ry'igihombo n'igabana ry'umutungo, Banki ishobora gutanga igihamya no kwemera kwemeza urwunguko rugabanwa hubahirijwe ibigize byose cyangwa igice icyo ari cyo cyose cyangwa ibice bya bene ayo mafaranga n'imyenda mu buryo bumwe, nk'aho ubu iyi ngwate itigeze itangwa.

**11.** Kugeza igihe amafaranga n'imyenda yose Umuyobozi abereyemo cyangwa yishyura Banki azaba amaze kwishyurwa nta Mwishingizi uvugwa muri aya masezerano uzaba yishyura umubare uwo ari wo wose w'amafaranga agaruzwa avugwa muri aya masezerano cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa indi mpamvu uzatanga cyangwa ubusabe buvuguruza ubwakozwe mbere cyangwa gihamya ivuguruza cyangwa imiterere y'urwunguko rugabanwa cyangwa ubwishyu bw'Umuyobozi cyangwa umutungo we utimukanwa cyangwa mu irangiza ry'umwenda w'Umuyobozi cyangwa inyungu y'indi ngwate yose nk'igihe Banki ishobora muri iki gihe cyangwa mu gihe kizaza gufata amafaranga ayo ari yo yose cyangwa imyenda Umuyobozi abereyemo Banki cyangwa kugiramo umugabane uwo ari wo wose.

**12.** Ingwate yose ifitiwe cyangwa ifitwe n'Umwishingizi haba muri iki gihe cyangwa mu gihe kizaza ituruka ku Muyobozi mu rwego rw'ideni ry'Umwishingizi uwo ari we wese uvugwa muri aya masezerano izafatwa nk'umutungo ucunzwe na Banki kandi nk'ingwate y'ideni ry'Umwishingizi cyangwa Abishingizi bavugwa muri aya masezerano kandi guhera ubwo izashyirwa kuri konti n'Umwishingizi cyangwa Abishingizi barebwa na Banki kuri iyo mpamvu.

**13.** Banki, igihe cyose amafaranga ayo ari yo yose cyangwa imyenda Umuyobozi abereyemo Banki (ubwishyu bwishingiwe n'iyi ngwate) izaguma itishyuwe cyangwa yishyurwe amafaranga make, izagira uburenganzira bwo gufatira amafaranga ku mafaranga yose haba muri iki gihe cyangwa hanyuma azaba asigaye ku nguzanyo cyangwa ku mitungo itimukanwa igenzurwa na Banki yubatswe muri iki gihe cyangwa hanyuma n'Umwishingizi uwo ari we wese hamwe na Banki yaba iri kuri konti ibikirizwaho ikanabikurizwaho amafaranga cyangwa izindi konti.

**14**. Bitanyuranije n'ingingo yindi yose iri mu zivugwa muri aya masezerano, Banki izagira uburenganzira bwo kwinjira mu gihe icyo ari cyo cyose, itabisabiye uburenganzira bw'undi cyangwa abandi Bishingizi, mu gutegura hamwe n'uwo ari we wese cyangwa benshi mu Bishingizi mu kwishyura umwenda wabo uvugwa muri aya masezerano mu buryo Banki yabona ko bukwiriye, kandi bene uku kwishyura k'umwe cyangwa benshi mu Bishingizi nta ngaruka kuzagira ku mwenda w'Abishingizi kimwe nk'uko undi Mwishingizi ari umwe cyangwa bafatanije ari babiri cyangwa benshi, yari kuba yashyize umukono kuri iyi nyandiko ari wenyine.

**15**. Imenyesha ryose cyangwa ubundi busabe busabwa gutangwa na Banki ivugwa muri aya masezerano bishobora gutangwa cyangwa bigakorwa hasigwa ubusa na bwo cyangwa bwoherezwa ku iposita yateguwe ishyikirizwa ikigo cyangwa umuntu imenyesha cyangwa ubusabe buhabwa cyangwa bugakorerwa ku biro by'umuyobozi cyangwa ahantu h'urugo hamenyekanishijwe bwa nyuma kandi imenyesha cyangwa ubusabe bwatanzwe bizemezwa ko bwatangwa cyangwa bwakorwa ku munsi bwasigiweho cyangwa ku munsi ukurikira uwo bwatangiweho.

**16.** Icyemezo cy'umukozi wa Banki ku mafaranga n'imyenda ku gihe Banki iberewemo n'umuyobozi kandi nko kuri serivisi cyangwa ku guhabwa imenyesha iryo ari ryo ryose mu yavugwa muri aya masezerano kizaba ikimenyetso ntavuguruzwa mu gihe cyose Umwishingizi cyangwa umuhagarariye mu mategeko uvugwa muri aya masezerano yaramuka ajyanywe mu mategeko.

**17**. Iyi ngwate izaba inyongera ku yindi ngwate iyo ari yo yose ku muyobozi Banki ishobora muri iki gihe gufata iyikuye ku Mwishingizi uvugwa muri aya masezerano cyangwa undi ndetse n'iyishyurwa binyuze mu kwishyura cyangwa se indi izaguma ari umutungo wa Banki.

**18.** Imvugo "Banki" "Umwishingizi (abishingizi) igihe cyose zikoreshejwe muri aya masezerano zizanamo kandi zigakomereza ku bagenerwa n'abegurirwa

umutungo kandi mu gihe ikivugwa kibyemera, imvugo "ingwate" izafatwa nk'aho bikwiriye ko inagira ibisobanuro birimo umwanzuro w'urukiko ufata Indishyi z'Ingwate nk'izifite agaciro mvunjwafaranga ndetse n'izindi nyandiko z'agaciro zishobora gucuruzwa n'izindi ngwate z'ubwoko bwose.

**19**. Iyi ngwate yubahiriza kandi ikagengwa n'amategeko y'u Rwanda kandi buri Mwishingizi uvugwa muri aya masezerano yemeye kuzashyikiriza ubutegetsi n'ububasha bw'inkiko zo mu Rwanda ibibazo byose byayishingiraho ariko Banki ifite uburenganzira busesuye bwo kwitabaza inkiko zo mu kindi gihugu cyose aho ububasha bw'inkiko bushobora kuba cyangwa bugashyirwaho.

**BISHYIZWE KURI IYI TARIKI………….……. UMUNSI WA…………………………… 2023.**

**BISHYIZWEHO UMUKONO NA KASHE KANDI BITANGANWA**

**N'AMAZINA Y'UMWISHINGIZI**

______________________________

**AMAZINA N'UMUKONO W'UMWISHINGIZI**

**HARI:**

**UMUKONO:** ______________________

**AMAZINA:** ______________________

**ADERESI:** ______________________

**ICYO AKORA:** ______________________